**CAISSE D'ENTRAIDE DE BUTARE**
**C/o UNIVERSITY OF RWANDA, HUYE CAMPUS**
**HUYE DISTRICT**

# ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMURYANGO BA CEB: IMPINDUKA MU GUTANGA INGUZANYO

Hashingiwe ku mwanzuro w'Inama y'Ubutegetsi ya CEB wafatiwe mu nama yayo isanzwe yateranye kuwa 31/03/2026,

Abanyamuryango ba CEB bamenyeshejwe ibi bikurikira:

1) Imitangire y'inguzanyo y'ingoboka (*Social loan*) guhera ku itariki ya **02/04/2026**:

   - Inguzanyo y'ingoboka ihwanye n'igiteranyo cy'amafaranga umunyamuryango yizigamiye mu gihe cy'amezi atandatu ashize, ukubye inshuro esheshatu (6). N'ubwo bimeze gutyo, mu rwego rwo gusaranganya ubushobozi buhari, nta munyamuryango wemerewe kurenza **Frw 3.000.000 mbumbe**.
   - Umunyamuryango uhawe inguzanyo y'ingoboka ingana gutyo yemerewe gusaba indi nyuma y'**amezi atatu (3)**
   - Umunyamuryango uhawe inguzanyo isanzwe yemerewe gusaba inguzanyo y'ingoboka nyuma y'**amezi atatu (3)**
   - Umunyamuryango uhawe inguzanyo y'ingoboka asabwa kujya atanga buri kwezi ubwizigame butari munsi ya **50%** by'impuzandengo (*average*) y'amafaranga yizigamiye mu gihe cy'amezi 6 ashize. Igihe ubwo bwizigame butagera kuri Frw 20.000 ku kwezi, umunyamuryango asabwa kubwongera.

2) Inguzanyo idasanzwe (*Special loan*) ikomeje kuba **Frw 1.000.000 mbumbe** ku mwaka (i.e umwaka w'ibaruramari).

**Reg. N° 2409-T-00031** Telephone: 079 536 2784 Email: managerceb@gmail.com
Account N° in **BK** : 00050 00084689 25 ; 00050 00656234 46
Account N° in **BPR BANK**: 461 233 3636 10192
Account N° in **EQUITY BANK**: 4074200083139

3) *Emergency loan* ikomeje kuba **Frw 1.050.000 mbumbe** yishyurwa mu mezi atatu (3).
4) **Inguzanyo isanzwe** (*ordinary loan*) ikomeje gutangwa nk'uko bisanzwe.
5) Nk'uko byemejwe n'Inteko Rusange ya CEB mu nama yayo isanzwe yabaye kuwa 07/01/2022, umunyamuryango uzajya akererwa kwishyura inguzanyo yahawe azajya asabwa kongeraho 15% ku mwaka by'amafaranga yakerewe kwishyura.

Bikorewe i Huye, kuwa 01/04/2026

**Dr MUTWARASIBO Faustin**,
Perezida w'Inama y'Ubutegetsi ya CEB

CAISSE D'ENTRAIDE DE BUTARE
CEB
TEL: (250) 531188